

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amategeko / Laws / Lois

N°31/2013 ryo kuwa 24/05/2013

Itegeko ryemerera kwemeza burundu Amasezerano y'impano yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 16 Mata 2013, hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega Nyafurika Gitsura Amajyambere, yerekeranye n'impano ingana na miliyoni cumi na zirindwi n'ibihumbi ijana na mirongo cyenda za «Units of Account/Unités de Compte» (17.190.000 UA/UC) agenewe gahunda y'ubumenyi, umurimo no kwihangira imirimo.....4

N°31/2013 of 24/05/2013

Law authorising the ratification of the Protocol of agreement signed in Kigali, Rwanda on 16 April 2013, between the Republic of Rwanda and the African Development Fund, relating to the grant of seventeen million one hundred and ninety thousand Units of Account (UA 17,190,000) for the skills, employability and entrepreneurship programme.....4

N°31/2013 du 24/05/2013

Loi autorisant la ratification du protocole d'accord signé à Kigali, au Rwanda le 16 avril 2013, entre la République du Rwanda et le Fonds Africain de Développement, relatif au don de dix-sept millions cent quatre-vingt-dix mille Unités de Compte (17.190.000 UC) pour le programme compétences, emploi et entrepreneuriat.....4

N°32/2013 ryo kuwa 24/05/2013

Itegeko ryemerera kwemeza burundu Amasezerano y'inguzanyo yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 16 Mata 2013, hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega Nyafurika Gitsura Amajyambere, yerekeranye n'inguzanyo ingana na miliyoni umunani n'ibihumbi magana ane na makumyabiri za «Units of Account/Unités de Compte» (8.420.000 UA/UC) agenewe gahunda y'ubumenyi, umurimo no kwihangira imirimo.....8

N°32/2013 of 24/05/2013

Law authorising the ratification of the loan agreement signed in Kigali, Rwanda on 16 April 2013, between the Republic of Rwanda and the African Development Fund, relating to the loan of eight million four hundred and twenty thousand Units of Account (UA 8,420,000) for the skills, employability and entrepreneurship programme.....8

N°32/2013 du 24/05/2013

Loi autorisant la ratification de l'accord de prêt signé à Kigali, au Rwanda le 16 Avril 2013, entre la République du Rwanda et le Fonds Africain de Développement, relatif au prêt de huit millions quatre cent vingt mille Unités de Compte (8.420.000 UC) pour le programme compétences, emploi et l'entrepreneuriat.....8

N° 34/2013 ryo kuwa 24/05/2013

Itegeko ryerekeye ubugwate ku mutungo wimukanwa.....12

N° 34/2013 of 24/05/2013

Law on security interests in movable property.....12

N° 34/2013 du 24/05/2013

Loi sur les sûretés mobilières.....12

B. Amateka ya Perezida / Presidential Orders / Arrêtés Présidentiels

N°19/01 ryo kuwa 25/03/2013

Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano y'inguzanyo yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 10 Ukuboza 2012, hagati ya Repubulika y'u Rwanda na Banki y'Abarabu Itsura Amajyambere mu by'Ubukungu muri Afurika (BADEA), yerekeranye n'inguzanyo ingana na miliyoni eshanu z'Amadolari y'Abanyamerika (5.000.000 USD) azakoreshwa mu gutanga inguzanyo ku mishinga mito n'iciriritse ndetse no kuguriza Ibigo by'imari biciriritse.....40

N°19/01 of 25/03/2013

Presidential Order ratifying the Loan Agreement signed in Kigali, Rwanda on 10 December 2012, between the Republic of Rwanda and the Arab Bank for Economic Development in Africa (BADEA), relating to the loan of five million American Dollars (USD 5,000,000) for the financing of small and medium scale projects and micro-finance institutions.....40

N°19/01 du 25/03/2013

Arrêté Présidentiel portant ratification de l'accord de prêt signé à Kigali, au Rwanda le 10 décembre 2012, entre la République du Rwanda et la Banque Arabe pour le Développement Economique en Afrique (BADEA), relatif au prêt de cinq millions de Dollars Américains (5.000.000 USD) pour le financement des projets de petite et moyenne envergure et institutions de microfinance.....40

N°20/01 ryo kuwa 25/03/2013

Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano y'inguzanyo y'iyongera n°1483P yashyiriweho umukono i Vienne muri Autriche kuwa 29 Mutarama 2013, hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega cya OPEC Gitsura Amajyambere Mpuzamahanga (OFID), yerekeranye n'inguzanyo ingana na miliyoni cumi n'ebiyiri z'Amadolari y'Abanyamerika (12.000.000 USD) agenewe umushinga w'ikwirakwiza ry'amashanyarazi.....44

N°20/01 of 25/03/2013

Presidential Order ratifying the Supplementary Loan Agreement n° 1483P signed in Vienna, Austria on 29 January 2013, between the Republic of Rwanda and the OPEC Fund for International Development (OFID), relating to the loan of twelve million American Dollars (USD 12,000,000) for the electricity access scale-up project.....44

N°20/01 du 25/03/2013

Arrêté Présidentiel portant ratification de l'accord de prêt additionnel n°1483P signé à Vienne, en Autriche le 29 janvier 2013, entre la République du Rwanda et le Fonds OPEP pour le Développement International (OFID), relatif au prêt de douze millions de Dollars Américains (12.000.000 USD) pour le projet d'augmentation de l'accès à l'électricité.....44

N°26/01 ryo kuwa 24/05/2013

Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano y'impano yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 16 Mata 2013, hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega Nyafurika Gitsura Amajyambere, yerekeranye n'impano ingana na miliyoni cumi na zirindwi n'ibihumbi ijana na mirongo cyenda za «Units of Account / Unités de Compte» (17.190.000 UA/UC) agenewe gahunda y'ubumenyi, umurimo no kwihangira imirimo.....49

N°26/01 of 24/05/2013

Presidential Order on the ratification of the Protocol of Agreement signed in Kigali, Rwanda on 16 April 2013, between the Republic of Rwanda and the African Development Fund, relating to the grant of seventeen million one hundred and ninety thousand Units of Account (UA 17,190,000) for the skills, employability and entrepreneurship programme.....49

N°26/01 du 24/05/2013

Arrêté Présidentiel portant ratification du protocole d'accord signé à Kigali, au Rwanda le 16 avril 2013, entre la République du Rwanda et le Fonds Africain de Développement, relatif au don de dix-sept millions cent quatre-vingt-dix mille Unités de Compte (17.190.000 UC) pour le programme compétences, emploi et entrepreneuriat.....49

N°27/01 ryo kuwa 24/05/2013

Iteka rya Perezida ryemeza burundu Amasezerano y'inguzanyo yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 16 Mata 2013, hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega Nyafurika Gitsura Amajyambere, yerekeranye n'inguzanyo ingana na miliyoni umunani n'ibihumbi magana ane na makumyabiri za «Units of Account / Unités de Compte» (8.420.000 UA/UC) agenewe gahunda y'ubumenyi, umurimo no kwihangira imirimo.....53

N°27/01 of 24/05/2013

Presidential Order on the ratification of the Loan Agreement signed in Kigali, Rwanda on 16 April 2013, between the Republic of Rwanda and the African Development Fund, relating to the loan of eight million four hundred and twenty thousand Units of Account (UA 8,420,000) for the skills, employability and entrepreneurship programme.....53

N°27/01 du 24/05/2013

Arrêté Présidentiel portant ratification de l'accord de prêt signé à Kigali, au Rwanda le 16 avril 2013, entre la République du Rwanda et le Fonds Africain de Développement, relatif au prêt de huit millions quatre cent vingt mille Unités de Compte (8.420.000 UC) pour le programme compétences, emploi et entrepreneuriat.....53

ITEGEKO N°31/2013 RYO KUWA 24/05/2013 RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU AMASEZERANO Y'IMPANO YASHYIRIWEHO UMUKONO I KIGALI MU RWANDA KUWA 16 MATA 2013, HAGATI YA REPUBULIKA Y'U RWANDA N'IKIGEGA NYAFURIKA GITSURA AMAJYAMBERE, YEREKERANYE N'IMPANO INGANA NA MILIYONI CUMI NA ZIRINDWI N'IBIHUMBI IJANA NA MIRONGO ICYENDA ZA «UNITS OF ACCOUNT / UNITES DE COMPTE» (17.190.000 UA/UC) AGENEWE GAHUNDA Y'UBUMENYI, UMURIMO NO KWIHANGIRA IMIRIMO

LAW N°31/2013 OF 24/05/2013 AUTHORISING THE RATIFICATION OF THE PROTOCOL OF AGREEMENT SIGNED IN KIGALI, RWANDA ON 16 APRIL 2013, BETWEEN THE REPUBLIC OF RWANDA AND THE AFRICAN DEVELOPMENT FUND, RELATING TO THE GRANT OF SEVENTEEN MILLION ONE HUNDRED AND NINETY THOUSAND UNITS OF ACCOUNT (UA 17,190,000) FOR THE SKILLS, EMPLOYABILITY AND ENTREPRENEURSHIP PROGRAMME

LOI N°31/2013 DU 24/05/2013 AUTORISANT LA RATIFICATION DU PROTOCOLE D'ACCORD SIGNE A KIGALI, AU RWANDA LE 16 AVRIL 2013, ENTRE LA REPUBLIQUE DU RWANDA ET LE FONDS AFRICAIN DE DEVELOPPEMENT, RELATIF AU DON DE DIX- SEPT MILLIONS CENT QUATRE-VINGT-DIX MILLE UNITES DE COMPTE (17.190.000 UC) POUR LE PROGRAMME COMPETENCES, EMPLOI ET ENTREPRENEURIAT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere : Uruhushya rwo kwemeza burundu

Article One: Authorisation for ratification

Article premier: Autorisation de ratification

Ingingo ya 2 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 2 : Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 2 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 3 : Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 3 : Commencement

Article 3 : Entrée en vigueur

ITEGEKO N°31/2013 RYO KUWA 24/05/2013 RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU AMASEZERANO Y'IMPANO YASHYIRIWEHO UMUKONO I KIGALI MU RWANDA KUWA 16 MATA 2013, HAGATI YA REPUBULIKA Y'U RWANDA N'IKIGEGA NYAFURIKA GITSURA AMAJYAMBERE, YEREKERANYE N'IMPANO INGANA NA MILIYONI CUMI NA ZIRINDWI N'IBIHUMBI IJANA NA MIRONGO CYENDA ZA «UNITS OF ACCOUNT / UNITES DE COMPTE» (17.190.000 UA/UC) AGENEWE GAHUNDA Y'UBUMENYI, UMURIMO NO KWIHANGIRA IMIRIMO

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika,

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

Inteko Ishinga Amategeko:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 13 Gicurasi 2013;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 16 Gicurasi 2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe

LAW N°31/2013 OF 24/05/2013 AUTHORISING THE RATIFICATION OF THE PROTOCOL OF AGREEMENT SIGNED IN KIGALI, RWANDA ON 16 APRIL 2013, BETWEEN THE REPUBLIC OF RWANDA AND THE AFRICAN DEVELOPMENT FUND, RELATING TO THE GRANT OF SEVENTEEN MILLION ONE HUNDRED AND NINETY THOUSAND UNITS OF ACCOUNT (UA 17,190,000) FOR THE SKILLS, EMPLOYABILITY AND ENTREPRENEURSHIP PROGRAMME

We, KAGAME Paul,
President of the Republic,

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT TO BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

The Parliament:

The Chamber of Deputies, in its session of 13 May 2013;

The Senate, in its session of 16 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003, as amended to date,

LOI N°31/2013 DU 24/05/2013 AUTORISANT LA RATIFICATION DU PROTOCOLE D'ACCORD SIGNE A KIGALI, AU RWANDA LE 16 AVRIL 2013, ENTRE LA REPUBLIQUE DU RWANDA ET LE FONDS AFRICAIN DE DEVELOPPEMENT, RELATIF AU DON DE DIX-SEPT MILLIONS CENT QUATRE-VINGT-DIX MILLE UNITES DE COMPTE (17.190.000 UC) POUR LE PROGRAMME COMPETENCES, EMPLOI ET ENTREPRENEURIAT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE, ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

Le Parlement :

La Chambre des Députés, réunie en sa séance du 13 mai 2013;

Le Sénat, réuni en sa séance du 16 mai 2013 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour,

Official Gazette n°21 Of 27/05/2013

kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo; iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 189, iya 190 n'ya 201 ;

Imaze gusuzuma Amasezerano y'Impano yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 16 Mata 2013 hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega Nyafurika Gitsura Amajyambere, yerekeranye n'impano ingana na miliyoni cumi na zirindwi n'ibihumbi ijana na mirongo icyenda za «Units of Account/Unités de Compte» (17.190.000 UA/UC) agenewe Gahunda y'ubumenyi, umurimo no kwihangira imirimo;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere: Uruhushya rwo Kwemeza burundu

Amasezerano y'Impano yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 16 Mata 2013, hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega Nyafurika Gitsura Amajyambere, yerekeranye n'impano ingana na miliyoni cumi na zirindwi n'ibihumbi ijana na mirongo cyenda za «Units of Account/Unités de Compte» (17.190.000 UA/UC) agenewe Gahunda y'ubumenyi, umurimo no kwihangira imirimo, yemerewe kwemezwa burundu.

Ingingo ya 2 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 189, 190 and 201;

After consideration of the Protocol of Agreement signed in Kigali, Rwanda on 16 April 2013, between the Republic of Rwanda and the African Development Fund, relating to the grant of seventeen million one hundred and ninety thousand Units of Account (UA 17,190,000) for the skills, employability and entrepreneurship Programme;

ADOPTS:

Article One: Authorization for ratification

The Protocol of Agreement signed in Kigali, Rwanda on 16 April 2013, between the Republic of Rwanda and the African Development Fund, relating to the grant of seventeen million one hundred and ninety thousand Units of Account (UA 17,190,000) for the skills, employability and entrepreneurship Programme, is hereby authorized for ratification.

Article 2 : Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 189, 190 et 201 ;

Après examen du Protocole d'Accord signé à Kigali, au Rwanda le 16 avril 2013, entre la République du Rwanda et le Fonds Africain de Développement, relatif au don de dix-sept millions cent quatre-vingt-dix mille Unités de Compte (17.190.000 UC) pour le Programme compétences, emploi et l'entrepreneuriat;

ADOPTE :

Article premier: Autorisation de ratification

Le Protocole d'Accord signé à Kigali, au Rwanda le 16 avril 2013, entre la République du Rwanda et le Fonds Africain de Développement, relatif au don de dix-sept millions cent quatre-vingt-dix mille Unités de Compte (17.190.000 UC) pour le Programme compétences, emploi et l'entrepreneuriat, est autorisé à être ratifié.

Article 2 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Ingingo ya 3 : Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **24/05/2013**

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 3 : Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **24/05/2013**

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 3 : Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **24/05/2013**

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°32/2013 RYO KUWA 24/05/2013
RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU
AMASEZERANO Y'INGUZANYO
YASHYIRIWEHO UMUKONO I KIGALI MU
RWANDA KUWA 16 MATA 2013, HAGATI YA
REPUBLICA Y'U RWANDA N'IKIGEGA
NYAFURIKA GITSURA AMAJYAMBERE,
YEREKERANYE N'INGUZANYO INGANA NA
MILIYONI UMUNANI N'IBIHUMBI MAGANA
ANE NA MAKUMYABIRI ZA «UNITS OF
ACCOUNT / UNITES DE COMPTE» (8.420.000
UA/UC) AGENEWE GAHUNDA Y'UBUMENYI,
UMURIMO NO KWIHANGIRA IMIRIMO

LAW N°32/2013 OF 24/05/2013
AUTHORISING THE RATIFICATION OF
THE LOAN AGREEMENT SIGNED IN
KIGALI, RWANDA ON 16 APRIL 2013,
BETWEEN THE REPUBLIC OF RWANDA
AND THE AFRICAN DEVELOPMENT
FUND, RELATING TO THE LOAN OF
EIGHT MILLION FOUR HUNDRED AND
TWENTY THOUSAND UNITS OF
ACCOUNT (UA 8,420,000) FOR THE
SKILLS, EMPLOYABILITY AND
ENTREPRENEURSHIP PROGRAMME

LOI N°32/2013 DU 24/05/2013
AUTORISANT LA RATIFICATION DE
L'ACCORD DE PRET SIGNE A KIGALI,
AU RWANDA LE 16 AVRIL 2013, ENTRE
LA REPUBLIQUE DU RWANDA ET LE
FONDS AFRICAIN DE
DEVELOPPEMENT, RELATIF AU PRET
DE HUIT MILLIONS QUATRE CENT
VINGT MILLE UNITES DE COMPTE
(8.420.000 UC) POUR LE PROGRAMME
COMPETENCES, EMPLOI ET
ENTREPRENEURIAT

ISHAKIRO

CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**Ingingo ya mbere : Uruhushya rwo kwemeza
burundu**

**Article One : Authorisation for
ratification**

**Article premier : Autorisation de
ratification**

**Ingingo ya 2 : Itegurwa, isuzumwa, n'itorwa
ry'iri tegeko**

**Article 2 : Drafting, consideration and
adoption of this Law**

**Article 2 : Initiation, examen et adoption
de la présente loi**

**Ingingo ya 3 : Igihe iri tegeko ritangira
gukurikizwa**

Article 3 : Commencement

Article 3 : Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°32/2013 RYO KUWA 24/05/2013
RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU
AMASEZERANO Y' INGUZANYO
YASHYIRIWEHO UMUKONO I KIGALI MU
RWANDA KUWA 16 MATA 2013, HAGATI YA
REPUBLICA Y'U RWANDA N'IKIGEGA
NYAFURIKA GITSURA AMAJYAMBERE,
YEREKERANYE N'INGUZANYO INGANA NA
MILIYONI UMUNANI N'IBIHUMBI MAGANA
ANE NA MAKUMYABIRI ZA «UNITS OF
ACCOUNT / UNITES DE COMPTE» (8.420.000
UA/UC) AGENEWE GAHUNDA Y'UBUMENYI,
UMURIMO NO KWIHANGIRA IMIRIMO**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika,

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE
KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA
REPUBLICA Y'U RWANDA.**

Inteko Ishinga Amategeko:

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 13
Gicurasi 2013;

Umutwe wa Sena mu nama yawo yo kuwa 16 Gicurasi
2013;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe
kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 62, iya 66,

**LAW N°32/2013 OF 24/05/2013
AUTHORISING THE RATIFICATION OF
THE LOAN AGREEMENT SIGNED IN
KIGALI, RWANDA ON 16 APRIL 2013,
BETWEEN THE REPUBLIC OF RWANDA
AND THE AFRICAN DEVELOPMENT
FUND, RELATING TO THE LOAN OF
EIGHT MILLION FOUR HUNDRED AND
TWENTY THOUSAND UNITS OF
ACCOUNT (UA 8,420,000) FOR THE
SKILLS, EMPLOYABILITY AND
ENTREPRENEURSHIP PROGRAMME**

We, KAGAME Paul,
President of the Republic,

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT TO
BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF
RWANDA**

The Parliament:

The Chamber of Deputies, in its session of 13
May 2013;

The Senate, in its session of 16 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of June 4, 2003, as amended to date,
especially in its articles 62, 66, 67, 88, 89, 90,

**LOI N°32/2013 DU 24/05/2013
AUTORISANT LA RATIFICATION DE
L'ACCORD DE PRET SIGNE A KIGALI,
AU RWANDA LE 16 AVRIL 2013, ENTRE
LA REPUBLIQUE DU RWANDA ET LE
FONDS AFRICAIN DE
DEVELOPPEMENT, RELATIF AU PRET
DE HUIT MILLIONS QUATRE CENT
VINGT MILLE UNITES DE COMPTE
(8.420.000 UC) POUR LE PROGRAMME
COMPETENCES, EMPLOI ET
L'ENTREPRENEURIAT**

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE, ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA
LOI DONT LA TENUE SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE
AU JOURNAL OFFICIEL DE LA
REPUBLIQUE DU RWANDA**

Le Parlement :

La Chambre des Députés, réunie en sa séance du
13 mai 2013;

Le Sénat, réuni en sa séance du 16 mai 2013 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda
du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89,

Official Gazette n°21 Of 27/05/2013

iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 189, iya 190 n'iya 201 ;

92, 93, 94, 95, 108, 189, 190 and 201;

90, 92, 93, 94, 95, 108, 189, 190 et 201 ;

Imaze gusuzuma amasezerano y'inguzanyo yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 16 Mata 2013 hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega Nyafurika Gitsura Amajyambere, yerekeranye n'inguzanyo ingana na miliyoni umunani n'ibihumbi magana ane na makumyabiri za «Units of Account/Unités de Compte» (8.420.000 UA/UC) agenewe Gahunda y'ubumenyi, umurimo no kwihangira imirimo;

After consideration of the Loan Agreement signed in Kigali, Rwanda on 16 April 2013, between the Republic of Rwanda and the African Development Fund, relating to the loan of eight million four hundred and twenty thousand Units of Account (UA 8,420,000) for the skills, employability and entrepreneurship Programme;

Après examen de l'Accord de prêt signé à Kigali, au Rwanda le 16 avril 2013, entre la République du Rwanda et le Fonds Africain de Développement, relatif au prêt de huit millions quatre cent vingt mille Unités de Compte (8.420.000 UC) pour le Programme compétences, emploi et l'entrepreneuriat;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ :

Ingingo ya mbere : Uruhushya rwo Kwemeza burundu

Article one : Authorization for ratification

Article premier : Autorisation de ratification

Amasezerano y'inguzanyo yashyiriweho umukono i Kigali mu Rwanda kuwa 16 Mata 2013 hagati ya Repubulika y'u Rwanda n'Ikigega Nyafurika Gitsura Amajyambere, yerekeranye n'inguzanyo ingana na miliyoni umunani n'ibihumbi magana ane na makumyabiri za «Units of Account/Unités de Compte» (8.420.000 UA/UC) agenewe Gahunda y'ubumenyi, umurimo no kwihangira imirimo, yemerewe kwemezwa burundu.

The Loan Agreement signed in Kigali, Rwanda on 16 April 2013, between the Republic of Rwanda and the African Development Fund, relating to the loan of eight million four hundred and twenty thousand Units of Account (UA 8,420,000) for the skills, employability and entrepreneurship Programme, is hereby authorized for ratification.

L'Accord de prêt signé à Kigali, au Rwanda le 16 avril 2013, entre la République du Rwanda et le Fonds Africain de Développement, relatif au prêt de huit millions quatre cent vingt mille Unités de Compte (8.420.000 UC) pour le Programme compétences, emploi et entrepreneuriat, est autorisé à être ratifié.

Ingingo ya 2 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 2 : Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 2 : Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée en anglais et a été examinée et adoptée en kinyarwanda.

Ingingo ya 3 : Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **24/05/2013**

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 3 : Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **24/05/2013**

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 3 : Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **24/05/2013**

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N°34/2013 RYO KUWA LAW N°34/2013 OF 24/05/2013 ON LOI N°34/2013 DU 24/05/2013 SUR LES
24/05/2013 RYEREKEYE UBUGWATE KU SECURITY INTERESTS IN MOVABLE SURETES MOBILIERES
MUTUNGO WIMUKANWA PROPERTY

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définition des termes

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Article 3: Scope of this Law

Article 3 : Champ d'application de la présente loi

Ingingo ya 4: Ubwoko bw'umutungo
wimukanwa washyirwa mu bugwate

Article 4: Kinds of movables subject to the
security interest

Article 4: Sortes de biens meubles sujets à la
sûreté

UMUTWE WA II: AMAHAME
YEREKERANYE N'ISHYIRWAHO
N'AGACIRO K'UBUGWATE

CHAPTER II: PRINCIPLES RELATING TO
CREATION AND EFFECTIVENESS OF
SECURITY INTERESTS

CHAPITRE II : PRINCIPES RELATIFS A LA
CREATION ET A LA VALIDITE DES
SURETES

Ingingo ya 5 : Ishyirwaho ry'ingwate

Article 5: Creation of security interest

Article 5: Constitution d'une sûreté

Ingingo ya 6: Imiterere y'ingwate
n'inshingano zifite ubugwate

Article 6: Description of secured obligation
and collateral

Article 6: Description de l'obligation garantie et
du bien grevé

Ingingo ya 7: Agaciro k'ubugwate

Article 7: Effectiveness of security interest

Article 7 : Validité de la sûreté

UMUTWE WA III: IHABWAGACIRO
RY'UBUGWATE KU BANDI BANTU

CHAPTER III: EFFECTIVENESS OF A
SECURITY INTEREST AGAINST THIRD
PARTIES

CHAPITRE III : VALIDITE DE LA SURETE
CONTRE LES TIERS

Ingingo ya 8: Ihabwagaciro ry'ubugwate ku
bandi bantu

Article 8: Effectiveness of a security interest
against third parties

Article 8 : Validité de la sûreté contre les tiers

<u>Ingingo ya 9:</u> Ihabwagaciro ry'ibwabwawe n'ingwate ku bandi bantu	<u>Article 9:</u> Effectiveness against third parties in proceeds	<u>Article 9:</u> Validité contre les tiers sur le produit
<u>UMUTWE WA IV:</u> UBUSUMBANE MU KWISHYURWA MBERE KU NGWATE	<u>CHAPTER IV:</u> PRIORITY BETWEEN SECURITY INTERESTS	<u>CHAPITRE IV:</u> PREFERENCE ENTRE LES SURETES
<u>Ingingo ya 10:</u> Ukwishyurwa mbere ku ngwate	<u>Article 10:</u> Priority order of security interests	<u>Article 10 :</u> Ordre de préférence entre les suretés
<u>Ingingo ya 11:</u> Kubona ubugwate bitubahirije ihame ryo kwishyurwa mbere	<u>Article 11:</u> Acquisition security interest exception to priority rule	<u>Article 11:</u> Acquisition de la sûreté comme exception à la règle de préférence
<u>Ingingo ya 12:</u> Kudakurikiza ihame ryo kwishyurwa mbere bireba uweguriwe ingwate	<u>Article 12:</u> Assignee exceptions to priority order rule	<u>Article 12:</u> Exceptions du cessionnaire au principe de l'ordre de préférence
<u>Ingingo ya 13:</u> Uburenganzira bwo gufatira umutungo	<u>Article 13:</u> Right of retention	<u>Article 13 :</u> Droit de rétention
<u>Ingingo ya 14:</u> Kurinda uburenganzira ku mutungo wiyongereye	<u>Article 14:</u> Protection of rights in accessions	<u>Article 14:</u> Protection des droits aux accessions
<u>Ingingo ya 15:</u> Ubugwate ku mutungo wavanzwe	<u>Article 15:</u> Security interest in commingled goods	<u>Article 15:</u> Sûreté sur les biens confondus
<u>Ingingo ya 16:</u> Umutungo wometswe ku wundi	<u>Article 16:</u> Fixtures	<u>Article 16:</u> Biens incorporés
<u>Ingingo ya 17:</u> Ubugwate ku mutungo waje mu Rwanda	<u>Article 17:</u> Security interest in goods brought into Rwanda	<u>Article 17 :</u> Sûreté sur les biens importés au Rwanda
<u>Ingingo ya 18:</u> Ubugwate ku bihingwa	<u>Article 18:</u> Security interest in crops	<u>Article 18 :</u> Sûreté sur des cultures
<u>UMUTWE WA V:</u> KWISHYUZA	<u>CHAPTER V:</u> ENFORCEMENT OF SECURITY INTERESTS	<u>CHAPITRE V :</u> EXECUTION DES SURETES
<u>Ingingo ya 19:</u> Gufatira ingwate	<u>Article 19:</u> Taking possession of the collateral	<u>Article 19 :</u> Possession de la garantie
<u>Ingingo ya 20:</u> Kwiyishyura mu ngwate	<u>Article 20:</u> Repayment from the security	<u>Article 20:</u> Remboursement provenant de la

	interest	sûreté
<u>Ingingo ya 21:</u> Uburenganzira bwo kongera kugura ingwate	<u>Article 21:</u> Rights to redeem collateral	<u>Article 21:</u> Droits de rachat du bien grevé de sûreté
<u>Ingingo ya 22:</u> Uburenganzira bw'uberewemo umwenda ku ngwate	<u>Article 22:</u> Right of secured creditor to collateral	<u>Article 22:</u> Droit du créancier garanti sur le bien grevé de sûreté
<u>UMUTWE WA VI:</u> UMWANDITSI MUKURU N'IYANDIKISHWA	<u>CHAPTER VI:</u> REGISTRAR GENERAL AND REGISTRATION	<u>CHAPITRE VI:</u> REGISTRARE GENERAL ET ENREGISTREMENT
<u>Ingingo ya 23:</u> Umwanditsi Mukuru ushinzwe iby'ingwate ku mutungo wimukanwa	<u>Article 23:</u> Registrar General of security interests in movable property	<u>Article 23:</u> Registrare Général des sûretés mobilières
<u>Ingingo ya 24:</u> Igitabo cy'ingwate ku mutungo wimukanwa	<u>Article 24:</u> Register of security interests in movable property	<u>Article 24:</u> Registre des sûretés mobilières
<u>Ingingo ya 25:</u> Ibikubiye mu gitabo cy'ingwate ku mutungo wimukanwa	<u>Article 25:</u> Content of the register of security interests in movable property	<u>Article 25:</u> Contenu du registre des sûretés mobilières
<u>Ingingo ya 26:</u> Inshingano z'Umwanditsi Mukuru mu iyandika ry'ubugwate	<u>Article 26:</u> Duties of the Registrar General with reference to the registration of security interest	<u>Article 26:</u> Obligations du Registrare Général par rapport à l'enregistrement de la sûreté
<u>Ingingo ya 27:</u> Igihe iyandikisha rimara	<u>Article 27:</u> Duration of registration	<u>Article 27:</u> Durée de l'enregistrement
<u>Ingingo ya 28:</u> Ihererekanya ry'ubugwate	<u>Article 28:</u> Assignment of security interest	<u>Article 28:</u> Cession de sûreté
<u>Ingingo ya 29:</u> Kwanga kwandika ingwate bikoze n'Umwanditsi Mukuru	<u>Article 29:</u> Registrar General's refusal to register a security interest	<u>Article 29:</u> Refus du Registrare Général de procéder à l'enregistrement de la sûreté
<u>Ingingo ya 30:</u> Isubizwaho ry'iyandikisha n'ikosorwa ry'amakosa y'iyandikire	<u>Article 30:</u> Restoration of registration and correction of clerical errors	<u>Article 30:</u> Rétablissement d'enregistrement et correction d'erreurs d'enregistrement
<u>Ingingo ya 31:</u> Kwandukuza mu gitabo ibyanditse	<u>Article 31:</u> Removal of data from register	<u>Article 31:</u> Radiation de données du registre

Ingingo ya 32: Gusoma ibyanditse mu gitabo cyagenewe iyandikwa ry’ubugwate

Ingingo ya 33: Amafaranga yishyurwa ku iyandikisha no gusoma ibyanditswe mu gitabo

Ingingo ya 34: Amabwiriza

UMUTWE WA VII:
INGINGOY’INZIBACYUHO,
IZINYURANYE N’IZISOZA

Ingingo ya 35 : Igihe cy’inzibacyuho

Ingingo ya 36: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko

Ingingo ya 37: Ivanwaho ry’itegeko n’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Ingingo ya 38: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 32: Searches of register

Article 33: Fees for registration and searches

Article 34: Regulations

CHAPTER VII: TRANSITIONAL,
MISCELLANEOUS AND FINAL
PROVISIONS

Article 35: Transitional period

Article 36: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 37: Repealing provision

Article 38: Commencement

Article 32: Consultation de registre

Article 33 : Frais d’enregistrement et de consultation du registre

Article 34: Règlements

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS
TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES

Article 35: Période transitoire

Article 36: Elaboration, examen et adoption de la présente loi

Article 37 : Disposition abrogatoire

Article 38: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°34/2013 RYO KUWA
24/05/2013 RYEREKEYE UBUGWATE KU
MUTUNGO WIMUKANWA**

**LAW N°34/2013 OF 24/05/2013 ON
SECURITY INTERESTS IN MOVABLE
PROPERTY**

**LOI N°34/2013 DU 24/05/2013 SUR LES
SURETES MOBILIERES**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA
MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA
Y’U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo kuwa
23 Gicurasi 2013;

The Chamber of Deputies, in its session of 23
May 2013;

La Chambre des Députés, en sa séance du 23 mai
2013;

Ishingiye ku Iteko Nshinga rya Repubulika y’u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk’uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu
ngingo zaryo, iya 29, iya 62, iya 66, iya 67, iya
90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n’iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date ,
especially in Articles 29, 62, 66, 67, 90, 92, 93,
94, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du
04 juin 2003, telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 29, 62, 66, 67, 90, 92,
93, 94, 108 et 201;

Isubiye ku Itegeko n° 11/2009 ryo kuwa
14/05/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo
wimukanwa nk’uko ryahinduwe kandi ryujwwe
kugeza ubu;

Having reviewed Law n° 11/2009 of 14/05/2009
on security interests in movable property as
modified and complemented to date;

Revu la Loi n° 11/2009 du 14/05/2009 relative aux
sûretés mobilières, telle que modifiée et complétée à
ce jour;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Iri tegeko rigenga ibyerekeranye n’ubugwate ku mutungo wimukanwa.

This Law governs security interests in movable property.

La présente loi régit les sûretés mobilières.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by’amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2 : Définition des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanuye ku buryo bukurikira:

In this Law, the following terms shall have the following meanings:

Au sens de la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes :

1° **amafaranga:** amafaranga y’u Rwanda cyangwa andi mafaranga yo mu mahanga yemewe n’amategeko gukoreshwa mu bwishyu mu Rwanda;

1° **money:** Rwandan currency or any foreign currency authorized as a legal tender by the law of Rwanda;

1° **argent:** monnaie rwandaise ou toute autre monnaie étrangère, légalement acceptée comme moyen de paiement au Rwanda;

2° **amasezerano y’ubugwate:** amasezerano ashiraho cyangwa ateganya ingwate kandi akubiyemo inyandiko igaragaza amasezerano y’ubugwate;

2° **security agreement:** agreement that creates or provides for a security interest and includes a writing that evidences a security agreement;

2° **contrat de garantie:** convention qui constitue une sûreté ou qui la prévoit et qui fait mention de l’existence d’un contrat de garantie;

3° **ibicuruzwa byavanzwe:** ibicuruzwa bisa byavanzwe n’ibindi ku buryo imiterere yabyo iburizwamo mu bishya byaturutse kuri iyo mvange;

3° **commingled goods:** goods that are physically united with other goods in a way that their identity is lost in a new product or mass;

3° **biens confondus :** biens qui sont physiquement mélangés avec d’autres biens de telle sorte que leur identité soit perdue dans le nouveau produit ou la masse en découlant ;

4° **ibikomoka ku bicuruzwa:** umutungo wimukanwa uzwi kandi ukomoka mu buryo buziguwe cyangwa butaziguwe ku gikorwa cyo kwikuraho ingwate gikozwe ugomba kwishyura agifitemo inyungu;

4° **proceeds:** identifiable personal property that is derived directly or indirectly from a transaction made or from its proceeds in the debtor’s interest;

4° **produit:** bien meuble identifiable provenant directement ou indirectement d’une opération effectuée ou à son produit dans l’intérêt du débiteur ;

5° **ibiyongereye ku mutungo:** ibintu

5° **accessions:** goods that are installed in a

5° **accessions:** biens incorporés à un bien

Official Gazette n°21 Of 27/05/2013

- byiyongereye mu mutungo wimukanwa cyangwa byashyizwe ku wundi mutungo;
- 6° **igitabo:** igitabo cyandikwamo ibyerekeye ubugwate gicungwa n'Iburo by'Umwanditsi Mukuru;
- 7° **imenyekanisha:** ibisobanuro bisabwa cyangwa byemewe n'iri tegeko cyangwa amabwiriza bigomba gushyirwa mu gitabo kugira ngo hakorwe iyandikwa ry'ingwate yafashwe ku kintu kiri mu bugwate;
- 8° **ingwate :** umutungo bwite w'umuntu ukoreshe mu bugwate;
- 9° **inyandiko zivunjwamo amafaranga:** inyandiko mpeshabwishyu cyangwa urwandiko mvunjwafaranga;
- 10° **inyandiko igaragaza uburenganzira bwo kwishyurwa:** inyandiko imwe cyangwa nyinshi zerekana ko umuntu afitiye undi umwenda w'amafaranga, ingwate cyangwa amufitiye ubukode bw'ibintu bye ku mutungo cyangwa ku wiyongeraho;
- 11° **urukiko:** urukiko rubifite ububasha;
- 12° **urimo umwenda:** umuntu wagurijwe ugomba kwishyura cyangwa kurangiza inshingano zatumye atanga ingwate; kubera impamvu zo kumenya ugomba kwishyurwa mbere y'abandi no
- movable property or affixed to other goods;
- 6° **register:** register maintained by the Office of the Registrar General in which security interests are registered;
- 7° **notice:** data required or recognized by this Law or regulations to be entered in the Register for the registration of the security interest in the collateral;
- 8° **collateral:** personal property that is subject to a security interest;
- 9° **negotiable instruments:** a bill of exchange or promissory note;
- 10° **chattel paper:** one or more writings that evidence both a monetary obligation and a security interest in, or lease of, specific goods or specific goods and accessions;
- 11° **court:** court of competent jurisdiction;
- 12° **debtor:** person who owes payment or performance of an obligation secured; for the purposes of priority determination and registration of a notice, it shall include a lessee or a seller of accounts
- meuble ou fixés à d'autres biens;
- 6° **registre:** registre tenu par l'Office du Registraire Général où sont enregistrées toutes les données relatives aux sûretés ;
- 7° **avis :** données requises ou reconnues par la présente loi ou règlements qui doivent être introduites au registre pour l'enregistrement de la sûreté sur un bien grevé de sûreté ;
- 8° **bien grevé :** propriété personnelle grevée d'une sûreté;
- 9° **titres négociables:** une lettre de change ou un billet à ordre ;
- 10° **acte mobilier :** un ou plusieurs écrits constatant à la fois l'existence d'une obligation pécuniaire sur des biens déterminés ou d'une sûreté sur ces biens, ou sur ces biens et leurs accessions;
- 11° **jurisdiction:** la juridiction compétente;
- 12° **débiteur:** personne qui a contracté un crédit et qui doit rembourser ou tenue à l'exécution d'une obligation garantie; aux fins de déterminer l'ordre de priorité de paiement et d'enregistrement d'avis, le

Official Gazette n°21 Of 27/05/2013

- kwandikisha ubugwate, ashobora no kuba ukodeshejwe cyangwa ugurisha inyandiko z'imyenda igomba kwishyurwa cyangwa zigaragaza uburenganzira bwo kwishyurwa;
- 13° **kwikuraho ingwate** : guhererekanya cyangwa kuvana ikintu mu mutungo w'umuntu watanzeho ingwate;
- 14° **inyandiko igaragaza uburenganzira ku mutungo**: inyandiko yatanze cyangwa yahawe uwabikije ibintu;
- 15° **umutungo wimukanwa**: umutungo w'umuntu bwite utandukanye ugizwe n'umutungo ufatika cyangwa udafatika. Mu mutungo ufatika harimo ibikoresho, ibinyabiziga, ibicuruzwa, ibihingwa, amatungo, ibiti bisarurwa n'ibindi bintu byimukanwa. Mu mutungo udafatika harimo inyandiko zigaragaza uburenganzira bwo kwishyurwa, inyandiko zivunjwamo amafaranga, umutungo mu by'ubwenge, ubundi burenganzira bushobora guhererekanywa cyangwa amafaranga;
- 16° **umutungo uri mu bubiko**: umutungo ubitswe n'umuntu kugira ngo ugurishwe cyangwa ukodeshwe, ibikoresho bitegereje gutunganywa cyangwa ibikoresho biri gutunganywa;
- 17° **ubugwate bwanditswe**: ubugwate bwashyizweho kandi amakuru yose
- receivable or chattel papers;
- 13° **disposition**: separation, alienation of, or the giving up of property subject to security interest;
- 14° **title deed**: writing issued by or addressed to a bailee;
- 15° **movable property**: various personal property either tangible or intangible. Tangible property includes among others: equipment, vehicles, goods, crops, domestic animals, trees to be harvested and other movable goods. Intangible property includes among others accounts receivable, chattel paper, documents of title, negotiable instruments, intellectual property or other assignable rights or money;
- 16° **inventory**: goods that are kept in storage by a person for sale or lease, raw goods held for processing, or goods in process;
- 17° **registered security interest** : security interest which has been registered in the
- terme comprend un locataire ou vendeur de dettes à rembourser ou d'actes mobiliers ;
- 13° **aliénation** : le fait de disposer ou de se céder un patrimoine objet de sûreté;
- 14° **acte-titre**: écrit émis par ou remis au dépositaire;
- 15° **biens meubles**: différents types de biens meubles corporels ou incorporels. Les biens corporels comprennent des équipements, des véhicules, des récoltes, des animaux domestiques, des marchandises, des arbres à récolter et autres biens meubles. Les biens incorporels comprennent les titres de créances, les instruments négociables, la propriété intellectuelle ou autres droits cessibles ou l'argent;
- 16° **stock**: ensemble de biens qui sont détenus par une personne pour la vente ou la location; matières premières détenues pour transformation ou biens en voie de transformation;
- 17° **sûreté enregistrée**: sûreté créée et toutes les données y relatives sont inscrites au

Official Gazette n°21 Of 27/05/2013

- abwerekeyeho yanditswe mu gitabo cy'Umwanditsi Mukuru;
- 18° **uberewemo umwenda ufite ingwate:** umuntu wahawe ingwate kubera amasezerano yagiranye n'undi muntu umubereyemo umwenda hagamijwe kumenya ugomba kwishyurwa mbere no kwandikisha ubugwate;
- 19° **ubugwate:** uburenganzira ku mutungo bwite wimukanwa w'umuntu bwemeza ko hazabaho ubwishyu cyangwa irangiza ry'inshingano;
- 20° **uburenganzira ku mutungo wimukanwa:** uburenganzira ku mutungo wimukanwa butangwa n'itegeko, n'icyemezo cy'urukiko cyangwa urundi rwego rubyemerewe n'itegeko cyangwa n'ububasha bw'ushinzwe kurangiza igihombo; uko byumvikana muri iri tegeko, ntiharimo uburenganzira bwo gufatira ngo wishyurwe;
- 21° **uburenganzira bwo gufatira umutungo ngo wishyurwe:** uburenganzira bw'umuntu utanga serivise cyangwa ibikoresho kugira ngo yongerere agaciro ibintu bwo gufatira ibyo bintu kugeza igihe yishyuriwe serivise ze cyangwa ibikoresho bye;
- 22° **umutungo wometswe ku wundi:** ibintu byometswe cyangwa bigamije komekwa
- register of the Registrar General;
- 18° **secured creditor:** person who holds a security interest under an agreement concluded with his/her debtor for purposes of payment priority and registration of security interest;
- 19° **security interest :** a right in personal property that secures payment or performance of an obligation;
- 20° **lien:** a right in property which is created by operation of law, by an order of a court or other legal authority, or by the authority of an administrator in an insolvency proceeding; as used in this law, it does not include the right of retention;
- 21° **right of retention:** the right of a person who provides services or materials to maintain or enhance the value of goods to retain possession of the goods until the payment of his /her services or materials;
- 22° **fixture:** goods that are annexed or are intended to become annexed to
- registre du Registraire Général;
- 18° **créancier garanti :** personne qui détient une sûreté selon un accord conclu avec son débiteur aux fins de déterminer l'ordre de priorité de paiement et d'enregistrement de la sûreté;
- 19° **sûreté :** droit sur un bien meuble qui assure le paiement ou l'exécution d'une obligation ;
- 20° **privilege :** droit sur un bien résultant d'une loi, d'une décision d'une juridiction ou d'une autre autorité juridique ou du pouvoir d'un administrateur d'insolvabilité ; tel qu'utilisé dans la présente loi, il ne comprend pas le droit de rétention ;
- 21° **droit de rétention :** droit d'une personne qui fournit ses services ou ses matériaux pour maintenir ou ajouter de la valeur aux biens de garder en possession les biens jusqu'au jour du remboursement de ses services ou matériaux ;
- 22° **meubles incorporés :** biens fixés ou devant être fixés sur un bien immeuble de telle

ku mutungo utimukanwa ku buryo butuma uburenganzira kuri uwo mutungo wimukanwa bujya ku muntu ufite inyungu mu mutungo utimukanwa.

immovable property in a manner that causes a property right in the goods to arise in a person who holds an interest in the immovable property.

sorte que le droit sur ces biens est transmis à une personne ayant un intérêt dans ce bien immeuble.

Ingingo y a 3: Ibirebwa n’iri tegeko

Iri tegeko rireba uburenganzira bwose ku mutungo wimukanwa bushyirwaho n’amasezerano yemeza ko hazabaho ubwishyu cyangwa irangizwa ry’inshingano, hatitawe ku miterere y’igikorwa, ubwoko bw’umutungo wimukanwa, imiterere y’urimo umwenda cyangwa uberewemo umwenda cyangwa imiterere y’inshingano zatangiwe ingwate.

Article 3: Scope of this Law

This Law applies to all rights in movable assets created by agreement that secures payment or other performance of an obligation, regardless of the form of the transaction, the type of the movable asset, the status of the debtor or secured creditor or the nature of the secured obligation.

Article 3 : Champ d’application de la présente loi

La présente loi s'applique à tous les droits sur des biens mobiliers résultant d'un accord qui garantit le paiement ou une autre forme d'exécution d'une obligation, quelle que soit la forme de la transaction, le type de bien mobilier, le statut du débiteur ou du créancier garanti ou la nature de l'obligation garantie.

Ingingo ya 4: Ubwoko bw’umutungo wimukanwa washyirwa mu bugwate

Umutungo wimukanwa ushobora gushyirwa mu bugwate ugizwe na bimwe by’ingenzi bikurikira:

Article 4: Kinds of movables subject to the security interest

Movables subject to security interest shall mainly be comprised of the following:

Article 4: Sortes de biens meubles sujets à la sûreté

Les biens meubles sujets à la sûreté comprennent principalement ce qui suit :

- 1° ingwate mu bwoko bwose bw’umutungo wimukanwa, ufatika cyangwa udatatika, uriho ubu cyangwa uzaboneka, hakubiyemo ibicuruzwa biri mu bubiko, ibikoresho ndetse n’ibindi bifatika, ubwishyu bukomoka ku masezerano cyangwa ku bindi bitari amasezerano, uburenganzira bwo mu masezerano butari mu mafaranga, impapuro n’inyandiko mvunjwafaranga uburenganzira bwo kwishyurwa amafaranga yashyizwe kuri konti yo muri banki, uburenganzira bwo kwakira

- 1° security interests in all types of movable asset, tangible or intangible, present or future, including inventory, equipment and other tangible assets, contractual and non-contractual receivables, contractual non-monetary claims, negotiable instruments, negotiable documents, rights to payment of funds credited to a bank account, rights to receive the proceeds under an independent undertaking and intellectual property;

